Rwanda Energy Group

REG

## UBUTUMWA BUKANGURIRA ABATURAGE KWIRINDA IMPANUKA Z'AMASHANYARAZI

Ubuyobozi Bukuru bwa Sosiyete y'u Rwanda Ishinzwe Ingufu (REG), bwongeye kumenyesha abaturarwanda bose ko amashanyarazi ari meza iyo akoreshejwe neza, akaba na none yatera impanuka zavamo n'urupfu iyo akoreshejwe nabi. Ubu imiyoboro y'amashanyarazi yamaze kugezwa henshi mu gihugu, indi irimo irubakwa ngo amashanyarazi agere kuri bose. Niyo mpamvu buri muturarwanda ashishikarizwa kwitondera amashanyarazi, haba ku miyoboro iyakwirakwiza, haba iwe mu rugo, ndetse haba no ku bikoresho yifashisha mu kuyageza mu nzu ye.

**Igihe ushaka gushyira amashanyarazi mu nzu (installation)**

- Ugomba kwifashisha abatekinisiye b'inzobere bafite ubumenyi n'inararibonye, ku buryo uba wizeye neza ubuziranenge bw'ibyo bagukorera. Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kugenzura inzego zimwe z'imirimo Ifitiye igihugu akamaro (RURA) gisohora urutonde rw'abatekinisiye bafite impushya zerekana ko bafite ubumenyi n'ubuhanga bwo gushyira amashanyarazi mu nzu.
- Igihe ugiye kugura intsinga cyangwa ibindi bikoresho byo gushyira amashanyarazi mu nzu, ugomba kugenzura ko uguze ibyujuje ubuziranenge ku buryo bitazateza ikibazo Iyo intsinga zitujuje ubuziranenge zirashyuha maze igikoba kizizengurutse kigashonga zigakoranaho, zigateza ibishahi bitangira gutwika aho zinyura hose.

**Igihe usanzwe ufite amashanyarazi iwawe**

- Ni byiza kugenzura ko nta rutsinga rwangiritse cyangwa se n'ibindi bikoresho by'amashanyarazi kugira ngo ubisimbure hakiri kare bitarateza impanuka.
- Ugomba kugenzura ko ibikoresho ucomeka ucomeka (nka radio, televiziyo, firigo…) bikora neza kandi bitangiritse.
- Ibikoresho by'amashanyarazi bicomekwa gusa igihe birimo gukoreshwa, byaba bidakoreshwa bigacomokorwa.
- Ugomba kandi kwirinda gucomeka ibintu byinshi cyane ahantu hamwe. Ugasanga kuri purize (prise/socket) imwe ucometseho ipasi, radio, televiziyo, firigo n'ibindi byinshi. Ibi bishobora gutuma aho bicometse hashyuha.
- Ni ngombwa cyane kurinda abana bato gukora aho bacomekera (muri prise/socket) cyangwa no gukinira ku ntsinga z'amashanyarazi. Igihe cyose ubonye umwana muto ashobora gucengeza ikintu aho bacomekera, ugomba kwihutira kumubuza. Cyane cyane

**KN82 ST3, Nyarugenge District, Kigali City, P.O. Box 537 Kigali, Rwanda**
**Tel.: +(250) (0) 788385025, email: info@reg.rw, website: www.reg.rw**

abana bato bageze igihe cyo gukambakamba, ntibagomba gusigara bonyine mu nzu irimo amashanyarazi.

- Irinde gucomeka cyangwa gucomokora igikoresho ku mashanyarazi igihe intoki zawe ziriho amazi cyangwa ufashe ikintu gikoze mu cyuma
- Irinde kwegereza ku marido n'ibitambaro ibikoresho bishyuha nk'ipasi, "cuisiniere", "cafetière", n'ibindi.
- Irinde kwanika imyenda cyangwa ikindi kintu ku nsinga z'amashanyarazi
- Irinde gukinira ku byuma bitwara amashanyarazi
- Igihe itara ryahiye cyangwa rishaje ugiye kurihindura, ni byiza kubanza kureba ko rijimije.
- Igihe utetse ku mashanyarazi, ugomba kuguma hafi y'iziko.
- Ugomba kumenya neza aho fizibule (fusibles/fuses) z'inzu yawe ziherereye ndetse ugakuraho intambamyi yose yakubuza kuhagera vuba igihe habaye ikibazo.

**Wabyitwaramo ute igihe ubonye uwafashwe n'amashanyarazi?**

Kubera imiterere y'umubiri w'umuntu ugizwe ahanini n'amazi, byorohera amashanyarazi kumunyuramo. Ikindi kubera umuvuduko wayo ungana n'uw'urumuri. Bitewe n'ingano yayo, iyo amunyuzemo yangiza ibice byinshi by'umubiri ndetse aba afite ibyago byinshi byo kuhasiga ubuzima.

Igihe ubonye hari uwafashwe n'umuriro, ugomba kwirinda kumukoraho n'intoki kuko nawe wahita ufatwa. Ahubwo icyo wakora, niba icyatumye afatwa gicometse, wagicomokora cyangwa ugakupa umuriro kuri fizibule. Bitabaye ibyo, ihutire guhamagara REG kuri 2727 cyangwa ishami rya Polisi Ishami rya Polisi y'u Rwanda rishinzwe ubutabazi no kurwanya inkongi z'umuriro kuri 111.

**Kwitondera imiyoboro y'amashanyarazi**

Abantu bose barakangurirwa kwitondera imiyoboro y'amashanyarazi. Kirazira kurira cyangwa gukora ku ntsinga zo ku miyoboro y'amashanyarazi. Igihe ukeneye serivisi z'umuriro w'amashanyarazi, ugomba kwiyambaza ishami rya REG rikwegereye. Abantu barasabwa kwirinda cyane ibi bikurikira:

- Kurira amapoto n'izindi nkingi zitwara imiyoboro y'amashanyarazi;
- Kwiha amashanyarazi;
- Gukinira ku nsinga cyangwa inkingi by'amashanyarazi;

- Gukora ku ntsinga zishishuye, aho biragaragaye ukabimenyesha ishami rikwegere rya REG;
- Gutera amabuye cyangwa imijugujugu ku mapoto cyangwa ibindi bishobora kwangiza imiyoboro y'amashanyarazi;
- Gukora ku biti byagwiriye imiyoboro y'amashanyarazi ahubwo aho bigaragaye ukabimenyesha ishami rya REG rikwegereye;
- Kwikemurira ikibazo cy'amashanyarazi cyabaye mu rugo iwawe, igihe kibaye wahamagara cyangwa ukagana ishami rya REG rikwegereye;
- Kwegera no gukora ku nsinga z'amashanyarazi igihe zaguye bitewe n'umuyaga cyangwa ibindi biza.

Ubuyobozi Bukuru bwa REG buboneyeho umwanya wo kubashimira ubufatanye mudahwema kutugariza.

Bikorewe i Kigali, taliki, 21 Nzeri 2022

Ron Weiss

RWANDA ENERGY GROUP LIMITED
Rwanda Energy Group
REG
CHIEF EXECUTIVE OFFICER

**Ron WEISS**
**Umuyobozi Mukuru**

**KN82 ST3, Nyarugenge District, Kigali City, P.O. Box 537 Kigali, Rwanda**
**Tel.: +(250) (0) 788385025, email: info@reg.rw, website: www.reg.rw**